REPUBULIKA Y'U RWANDA

INTARA Y'AMAJYEPFO
AKARERE KA HUYE
INAMA NJYANAMA

IBYEMEZO BY'INAMA IDASANZWE Y'INAMA NJYANAMA Y'AKARERE KA HUYE YATERANYE KUWA 23 NYAKANGA 2012.

IRIBURIRO

Inama idasanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere ka Huye yateranye kuwa 23 Nyakanga yitabirwa n'abajyanama 23 kuri 28 bayigize.

Mu byemezo by'ingenzi byafashwe harimo:

i. Kwemeza inyandikomvugo y'inama isanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere ka Huye yateranye kuwa 23 Kamena 2012 imaze kuyikorera ubugororangingo.
ii. Kwemeza ko Komite Nyobozi izongera kugaragariza Inama Njyanama itaha uko imyanzuro yose yafashwe n'Inama Njyanama kuva muri Werurwe 2011 kugeza Kamena 2012 yashyizwe mu bikorwa, herekanwa imyanzuro yashyizwe mu bikorwa, ikiri gushyirwa mu bikorwa, itarashyizwe mu bikorwa n'impamvu.
iii. Kwemeza imbago z'Umujyi wa Huye, imaze kuzunguranaho ibitekerezo.
iv. Kwemeza ikibanza kizubakwamo SACCO MBAZI kugaciro kangana n'amafaranga ibihumbi magana abiri na kimwe Magana acyenda makumyabiri n'umunani(**201.928frw**)

v. Kwemeza ko ikibanza kizubakwamo uruganda rutunganya ifu y'ibigori cyasabwe na Madamu UZABAKIRIHO Agnes giherereye mu Murenge wa KINAZI agihabwa ku gaciro kangana n'amafaranga ibihumbi magana atanu mirongo itanu na kimwe magana arindwi mirongo irindwi (**551.770frw**).

vi. Kwemeza ko abakozi bo mu biro by'ubutaka bahindurirwa imyanya y'akazi, ariko bagakomeza gukurikiranwa kuri raporo umugenzuzi bwite w'Akarere yabakoreye.

vii. Kwemeza ko kubirebana n'amafaranga yakwa mu bigo by'amashuri ya Leta yo mu Karere ka Huye, Komisiyo y'Iterambere ry'Umugore, Urubyiruko, Umuco , Siporo n'Imibereho myiza y'abaturage iyasuzuma neza, nyuma ikazatanga raporo muri Nama Njyanama itaha, ikabona kuyafataho umwanzuro.

INGINGO ZIRI KU MURONGO W'IBYIGWA

1. Kwemeza inyandikomvugo y'inama isanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere ka Huye yateranye kuwa 21 Kamena 2012 no kureba uko ibyemezo byayifatiwemo byashyizwe mu bikorwa.
2. Raporo y'ishyirwa mu bikorwa ry'ibyemezo by'Inama Njyanama y'Akarere kuva Werurwe 2011 kugeza Mata 2012.
3. Kwemeza gahunda y'ibikorwa by'Umugenzuzi bwite w'Akarere mu mwaka wa 2012-2013.
4. Kwemeza ikibanza kizubakwamo SACCO MBAZI n'ikibanza kizubakwamo uruganda rutunganya ifu y'ibigori i Kinazi.
5. Gusuzuma raporo ya Komisiyo y'Ubuyobozi, Politiki n'Amategeko ku kibazo cy'imikorere y'abakozi bo mu biro by'ubutaka.
6. Kwemeza amafaranga yakwa mu bigo by'amashuri ya Leta byo Karere ka Huye.

IBYEMEZO

1. Inama Njyanama yemeje inyandikomvugo y'inama isanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere ka Huye yateranye kuwa 21 Kamena 2012 imaze

kuyikorera ubugororangingo. Uyu mwanzuro wemejwe ku bwumvikane busesuye bw'abitabiriye inama.

2. Inama Njyanama yemeje ko isoko rya Busoro ho mu Murenge wa Gishamvu rizubakwa mu ngengo y'imari ya 2013-2014. Uyu mwanzuro wemejwe ku bwumvikane busesuye bw'abitabiriye inama.

3. Inama Njyanama yasabye Komite Nyobozi y'Akarere, kuzazana mu Nama Njyanama itaha inyandiko zose zerekana uko bagiriwe inama n'inzego zibakuriye ku bijyanye n'ishyirwa ku isoko ry'umwanya w'Umuyobozi w'Ikigo cya EAV Kabutare . Uyu mwanzuro wemejwe ku bwumvikane busesuye bw'abitabiriye inama.

4. Inama Njyanama yemeje ko Komite Nyobozi izongera kugaragariza Inama Njyanama itaha uko imyanzuro yose yafashwe n'Inama Njyanama kuva muri Werurwe 2011 kugeza Kamena 2012 yashyizwe mu bikorwa, herekanwa imyanzuro yashyizwe mu bikorwa, ikiri gushyirwa mu bikorwa, itarashyizwe mu bikorwa n'impamvu. Uyu mwanzuro wemejwe ku bwumvikane busesuye bw'abitabiriye inama.

5. Ku birebana n'ikibanza cyasabwe na EWSA cyo kubakamo ikigega cy'amazi mu Murenge wa Tumba, Akagari ka Gitwa, Inama Njyanama yemeje ko Komite Nyobozi yakumvika na EWSA aho kigomba kubakwa, ibiro by'Akagari bidashenywe. Uyu mwanzuro wemejwe ku bwumvikane busesuye bw'abitabiriye inama.

6. Inama Njyanama yemeje ko gahunda y'ibikorwa by'Umugenzuzi bwite w'Akarere mu mwaka wa 2012-2013, ikosorwa ikazemezwa n'inama y'Abaperezida. Uyu mwanzuro wemejwe ku bwumvikane busesuye bw'abitabiriye inama.

7. Inama Njyanama yemeje imbago nshya z'Umujyi wa Huye ku buryo bukurikira:

IMBAGO NSHYA Z'UMUJYI WA HUYE			
UMURENGE	**AKAGARI**	**UMUDUGUDU**	**STATUS**

MBAZI	**Gatobotobo**	Agasharu	Per-Urban
		Akanyinya	Per-Urban
		Bigangara	Per-Urban
		Kanyaruhinda	Per-Urban
		Mpinga	Per-Urban
		Rubona	Per-Urban
		Rwabuye	Per-Urban
MUKURA	**Rango A**	Agakera	Urban
		Agakombe	Urban
		Mpaza	Urban
		Gakombe	Per-Urban
		Nyagisenyi	Per-Urban
		Nyarusambu	Per-Urban
NGOMA	**Butare**	Akabuye	Urban
		Bukinanyana	Urban
		Buye	Urban
		Gasoro	Urban
		Kabutare	Urban
		Karubanda	Urban
		Mamba	Urban
		Busenyi	Urban
		Taba	Urban
	Matyazo	Kabeza	Urban
		Kamucuzi	Urban
		Nyabitare	Urban
		Rurenda	Urban
		Rusisiro	Urban
		Ruvuzo	Urban
		Gafurwe	Urban
	Ngoma	Ngoma V	Urban
		Ngoma I	Urban
		Ngoma III	Urban
		Ngoma IV	Urban
		Ngoma VI	Urban
		Ngoma II	Urban
TUMBA	**Cyarwa**	Agahora	Urban
		Agasengasenge	Urban
		Agasharu	Urban

		Agateme	Urban
		Icyiri	Urban
		Kabeza	Urban
		Kigarama	Urban
		Taba	Urban
		Mukoni	Urban
	Cyimana	Abizerwa	Urban
		Akamuhoza	Urban
		Amahoro	Urban
		Ubumwe	Urban
		Ubwiyunge	Urban
	Gitwa	Gasenyi	Urban
		Berwa	Urban
		Nyarurembo	Urban
		Rimba	Urban
		Rebero	Urban
	Rango B	Akabeza	Urban
		Akakanyamanza	Urban
		Byimana	Urban
		Impuhwe	Urban
		Kigarama	Urban
		Ntagarugero	Urban
		Urugwiro	Urban
HUYE	**Rukira**	Agahenerezo	Per-Urban
		Agasharu	Per-Urban
		Nyanza	Per-Urban
		Kabutare	Per-Urban
	Sovu	Gakombe	Per-Urban
		Gako	Per-Urban
		Karuhayi	Per-Urban
		Rwezamenyo	Per-Urban
		Rugarama	Per-Urban
Mbazi	**Mwurire**	Murambi	Per-Urban
		Kaburuba	Per-Urban
		Cyayove	Per-Urban
	Mutunda	Kigusa	Per-Urban
		Ruryango	Per-Urban
		Kinyana	Per-Urban

RUHASHYA	**Karama**	Umuyinza	Per-Urban
		Nyakigezi	Per-Urban
	Muhororo	Shyara	Per-Urban

Uyu mwanzuro wemejwe ku bwumvikane busesuye bw'abitabiriye inama.

8. Inama Njyanama yemeje ikibanza cyizubakwamo SACCO MBAZI giherereye mu Kagari ka Mutunda, mu mudugudu wa Ruryango ku gaciro kangana n'amafaranga ibihumbi magana abiri na kimwe magana acyenda makumyabiri n'umunani(**201.928frw**). Uyu mwanzuro wemejwe ku bwumvikane busesuye bw'abitabiriye inama.

9. Inama Njyanama yemeje ko ikibanza cyo kubakamo uruganda rutunganya ifu y'ibigori cyasabwe na Madamu UZABAKIRIHO Agnes giherereye mu Murenge wa KINAZI agihabwa ku gaciro kangana n'amafaranga ibihumbi magana atanu mirongo itanu na kimwe magana arindwi mirongo irindwi (**551.770frw).** Uyu mwanzuro wemejwe ku bwumvikane busesuye bw'abitabiriye inama.

10. Ku gingo irebana n'amafaranga yakwa mu bigo by'amashuri ya Leta yo mu Karere ka Huye, Inama Njyanama yemeje ko Komisiyo ya Njyanama y'Iterambere ry'Umugore, Urubyiruko, Umuco, Siporo n'Imibereho myiza y'abaturage iyasuzuma neza, nyuma ikazatanga raporo muri Nama Njyanama itaha, ikabona kuyafataho umwanzuro. Uyu mwanzuro wemejwe ku bwumvikane busesuye bw'abitabiriye inama.

11. Inama Njyanama imaze gusuzuma raporo ya Komisiyo y'Ubuyobozi, Politiki n'Amategeko ku kibazo cy'imikorere idahwitse y'abakozi bo mubiro by'ubutaka yemeje imyanzuro ikurikira:

-Abakozi bo mu biro by'ubutaka aribo: BAVUGIRIJE Juvenal, NGAYABOSHYA Gabriel na NKAGIJINTARE Henry, Inama Njyanama yemeje ko bahindurirwa imyanya y'akazi, kandi banakurikiranwa kuri raporo Umugenzuzi bwite w'Akarere yabakoreye.

- Inama Njyanama yemeje ko Komite Nyobozi ikurikiranira hafi abo bakozi kugirango batazongera kugwa mu makosa.

- Inama Njyanama yasabye Komisiyo y'Ubuyobozi, Politiki n'Amategeko gukomeza kunoza raporo yakoze ku mikorere y'abakozi bo mu biro by'ubutaka yarekana ibyabajijwe, ibyasubijwe, ingamba n'uruhare rwa buri wese mu mikorere yabo itanoze.

Iyi myanzuro yemejwe ku bwumvikane busesuye bw'abitabiriye inama.

Bikorewe I Hu, kuwa 23/07/2012

MUKASINE Marthe
Umunyamabanga w'Inama
Njyanama y'Akarere ka Huye

UMULIISA Alphonse
Perezida w'Inama Njyanama
y'Akarere ka Huye.